African Students' Education Fund (ASEF)
AMATEGEKO N'AMABWIRIZA AGENGA UMUNYESHURI UFASHWA NA ASEF

1. INTANGIRIRO

African Students' Education Fund (ASEF) ni umuryango mpuzamahanga udaharanira inyungu w'abanyamerika wiyemeje gutera inkunga abanyeshuri ba bahanga kandi batishoboye mu Rwanda. ASEF ibishyurira amafaranga y'ishuri n'ibikoresho by'ishuri ku banyeshuri batoranijwe kandi bakazakomeza gutsinda neza cyane banagaragaza imyitwarire myiza n'indagagaciro z'ubuyobozi ku mashuri ndetse naho batuye.

2. IMYITWARIRE MU MYIGIRE

Abanyeshuri bagomba gutsindira muri kimwe cya kabiri cy'ishuri bigamo byerekanwa n'umwanya bagaragaramo banafite byibura amanota ari hejuru ya 60% kugirango babashe kuguma muri porogaramu ya ASEF. Igihe umunyeshuri atagejeje kuri urwo rwego mu bihembwe 3 bikurikirana, ASEF imushyira kuri lisiti yabashobora kuzavanwamo. Mu mpera za buri mwaka,ASEF ikora igenzura ry'imitsindire ya buri munyeshuri kugirango barebe ko yujuje ibisabwa kugira ngo abashe gukomezanya na ASEF mu mwaka w'amashuri ukurikira.

Ubwitabire bw'amasomo mw'ishuri buragenzurwa cyane, iyo umunyeshuri atitabiriye amasomo mu ishuri ku kigero cya 80% bishobora kumuviramo kuva mu mubare w'abanyeshuri bafashwa na ASEF.

Kugaragara k'umunyeshuri mu masomo nibindi byose bijyanye nayo ndetse n'ibizamini bitandukanye ku ishuri ni ngombwa ko umunyeshuri abyitabira byose. Gutangira ku gihe ibyo ishuri risaba byose nabyo ni ngombwa cyane. Abanyeshuri bagize impamvu ituma batitabira ibi tuvuze haruguru bagomba kuba bafite uruhushya rw'umwe mu bayobozi b'ikigo.

Bitewe n'impamvu zidasanzwe ubuyobozi bw'ikigo bushobora gusaba umunyeshuri kuba ari hanze y'ikigo mu gihe runaka cyumvikanyweho. Igihe bigenze bityo rero, umunyeshuri asabwe kubimenyesha ubuyobozi bwa ASEF ndetse n'igihe azemererwa gusubira ku ishuri.

3. IMYITWARIRE Y'UMUNYESHURI KU ISHURI NO GUFATA NEZA UMUTUNGO W'ISHURI

Umutungo w'ishuri: Buri munyeshuri asabwa gufata neza umutungo w'ikigo no kwirinda ibyabasha kuwangiza byose. Umunyeshuri uzafatwa yangiza cyangwa agatakaza umutungo w'ikigo ku bushake azirengera ibihano.

ASEF ntizihanganira imyitwarire mibi y'umunyeshuri ishobora gutuma ubuyobozi bw'ikigo bufata icyemezo cyo kumwirukana mu kigo burundu. Niba umunyeshuri yirukanwe burundu, bizatuma avanwa ku rutonde rw'abafashwa na ASEF. Ntawuzihanganirwa!!!

4. AMAFARANGA Y'ISHURI

Ni inshingano za buri munyeshuri kuba asobanukiwe ibikubiye muri babyeyi ahabwa n'amafaranga y'ishuri. Ikiyongeyeho ni uko ari inshingano za buri munyeshuri gusobanukirwa ibikubiye mu inyemezabwishyu ya ASEF – cyane cyane amafaranga ASEF iba yishyuye n'ibijyane n'ibiba byavuzwe byose mbere yo gusubira ku ishuri. Mu gihe hari ikibazo cyangwa habaye ikibazo kijyanye n'amafaranga y'ishuri, umunyeshuri agomba kumenyesha ASEF mu minsi 14 nyuma y'itariki yahereweho inyemezabwishyu. Amafaranga atazaba yishyuwe muri icyo gihe cy'iminsi 14 azaba ari inshingano y'umunyeshuri cyangwa y'umubyeyi kuyiyishyurira.

Ibyo ASEF yishyurira buri munyeshuri uri mu mushinga ni ibi bikurikira kandi byishyurwa hakoreshejwe konti y'ishuri:

- Amafaranga y'ishuri
- Agahimbazamusyi
- Imyambaro y'ishuri
- Icumbi ku banyeshuri biga ahataba amacumbi
- Inyubako
- Ingendoshuri
- Ibizamini bya leta

ASEF ntiyishyura amafaranga ya mudasobwa, ayo mu ntoki, caution, ay'isuku umuntu ku giti cye, ibikoresho by'isuku, inkunga, kwiyogoshesha ndetse no gukodesha matera.
Hakurikijwe ubusabe, urutonde rw'ibyo tutishyura siko byose birimo, hari ibitakwishingirwa.

5. INAMA Z'ABANYESHURI BAFASHWA NA ASEF

Buri ntagiriro ni mpera z'igihembwe, ubuyobozi bwa ASEF buzajya bugirana inama n'abagenerwabikorwa bayo (abanyeshuri). Muri izo nama nta munyeshuri wemerewe gusiba cyangwa ngo akererwe. Mu gihe umunyeshuri agize ikibazo gituma asiba inama, kwemererwa kujya mu nama mu kandi karere abihererwa uruhushya n'ubuyobozi bwa ASEF. Ibyangombwa bikurikira bigomba kwitwazwa na buri munyeshuri muri buri nama:

- Indagamanota y'igihembwe arangije originari na fotokopi
- Urupapuro rwohererezwa ababyeyi originari na fotokopi

6. UBUFATANYE N'ABABYEYI NA/CYANGWA ABANDI BARERA ABANA

ASEF irashishikariza ababyeyi cyangwa abandi barera abana kwita k'uburezi bw'abana babo, ni muri ubwo buryo rero isaba ababyeyi cyangwa abahagarariye abo bana kuboneka mu nama y'abanyeshuri. Ni ngombwa rero ko umubyeyi cyangwa uhagarariye umunyeshuri yitabira byibura inama imwe mu mwaka kugirango ubuyobozi bwa ASEF bufatanyirize hamwe nawe kumenya imyitwarire n'imyigire y'umunyeshuri.

7. IHEREREKANYAMAKURU

Abanyeshuri bafashwa na ASEF basabwe kudahererekanya inumero za telefoni z'ubuyobozi cyangwa undi mukozi wa ASEF baziha uwaba ushaka ubufasha. Terefoni ya ASEF ikora guhera saa mbiri z'igitondo (8'00) kugeza saa kumi nimwe z'umugoroba (5'00) kuva ku wa mbere kugera ku wa gatanu ukuyemo iminsi y'ibiruhuko. Haramutse habaye ikibazo nyuma yayo masaha, abanyeshuri basabwe kohereza ubutumwa bugufi buriho amazina na numero za terefoni kugirango ASEF izabikurikirane umunsi w'akazi ukurikiyeho.

Aho wabonera ASEF:
Email: asef@asefrwanda.org
Website: www.asefrwanda.org
Facebook: www.facebook.com/AfricanStudentsEducationFund
Instagram: asefrwanda

8. GUHINDURA IKIGO

Guhindura ikigo n'amahirwe ahabwa umunyeshuri watsinze neza cyane kandi bigaragarako akwiriye kujya ku kigo cyiza kurushaho "Excellent" kugirango bimufashe gukomeza gutsinda neza. Abanyeshuri ntibemerewe guhindura ibigo batabiherewe uburenganzira na ASEF. ASEF ntizishyura amafaranga y'ishuri ku munyeshuri uzaba wahinduye ikigo atabiherewe uruhushya mu nyandiko n'umuyobozi ushinzwe ASEF mu gihugu ndetse n'umuyobozi w'ishuri w'ikigo umunyeshuri ahinduye.

9. INDWARA

Umunyeshuri usibye amasomo mu gihe kirenze icyumweru kimwe cyangwa ibizamini kubera impamvu z'uburwayi asabwe guhita abimenyesha ubuyobozi bwa ASEF. Umunyeshuri ntagomba kwitwaza uburwayi ngo bibe intandaro yo gutsindwa kuko utsinzwe akurwa mu mushinga.

10. SERVISI ZA ASEF

ASEF itanga amafaranga y'ishuri, ibikoresho by'ishuri (Ibi bitangwa hakurikijwe ibyo buri shuri risaba mu ntangiriro z'umwaka w'amashuri) kuri buri munyeshuri. Ibindi bikenerwa cyangwa ibindi bibazo ni inshingano z'umunyeshuri n'umubyeyi we cyangwa umuhagarariye. ASEF ihabwa uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda n'inzego zibishinzwe mu gihe cy'umwaka umwe gusa n'ubwo iba iteganya gukomeza gukorera mu Rwanda mu gihe kirekire.